..M.J./

O aide 19 DEC. 1979

No. 1967/12.04

Vu 26/12/79 l

Gusaba imfashanyo

Bwana GATSINZI Augustin
Umuyobozi wa Koperative Coopega
Komini MURAMBI
Prefegitura BYUMBA

Bwana,

Nkwandikiye nkumenyesha ko ibaruwa yawe yo kuwa 5 nzeli 1979 nayibonye.

Ndakumenyesha ko Ministeri yacu ishinzwe Urubyiruko rutigeze rugera mu mashuli cyangwa urwayahagaritse rutarangije amashuli abanza rukabura uratabara, nabwo rugomba kuba rufite imyaka y'amavuko itali hasi y'icumi cyangwa irenze myakumyabili n'ine.

Koperative z'Urubyiruko zifuza kandi guhabwa imfashanyo ya Ministeri yacu zigomba kunyuza ibibazo byazo byose k'Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura. Niwe ushinzwe gusabira amashyirahamwe y'Urubyiruko imfashanyo muli Ministeri.

Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministri w'Urubyiruko n'Imikino.

C.P.I.A :
- Bwana Burgmestri wa Komini Murambi
  B Y U M B A
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko muli
  Komini Murambi
  B Y U M B A
- Bwana Umuyobozi wa Zakoperative muli
  Komini Murambi
  B Y U M B A
- Bwana Inspecteur wa Segiteri ya Murambi
  B Y U M B A
- Bwana Encadreur Régional w'Urubyiruko
  B Y U M B A

Koperative Coopéga

Commune Murambi

B.P.20 Gatsibo.

Gakenke le 05/09/1979

Vu 26/11/79

Impamvu: Gusaba imfashanyo.

Enc.

Informez-vous pour savoir si cette école est primaire secondaire ou un CERAR. 26/11

A traiter par ..........

Date entrée : 16/11/79

N° Classement : 437/12. 04

Nyakubahwa Bwana Ministri w'urubyiruko n'imikino.

K I G A L I.

Binyujijwe kuli Militant Encadreur w'urubyiruko.

MURAMBI.

Binyujijwe kuli Militant Endareur wa Koperative

Murambi.

REPUBLIQUE RWANDAISE

Binyujijwe kuli Militant Burgumestri wa Komini Murambi.

Binyujijwe kuli Militant Inspecteur wa Secteur Murambi.

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Twebwe urubyiruko rw'abanyeshuli bagize Koperative Coopéga, dushimishijwe no kuboherereza umwirondoro wa Koperative yacu Coopéga, kurupapuro rwometse kuli iyi baruwa kandi tukaba twizeye ke mwazatubonera imfashanyo twabatse kugirango idufashe mu milimo twiyemeje wo gukorera hamwe.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza, tubaye tubashimiye Nyakubahwa Bwana Ministri.

Responsable wa Koperative Coopéga

Gatsinzi Augustim.

# UMWIRONDORO WA KOPERATIVE Y'ABANYESHULI B'I GAKENKE (COOPEGA)

I. RESUME : Koperative y'abanyzshuli b'i Gakenke (COOPEGA) ili mu kigo cy'ishuli ly'i Gakenke, zene ya Rubona, secteur scolaire ya Murambi, Arrondissemen ya Byumba. Iyo Koperative yavutse mu kwezi kwa mbere mu mwaka wa 1979. Ihinga imyaka ngandura-rugo ishobora kwera muli ako karere, kandi ikorora n'amatungo magufi. Kugeza ubu bafite ihene 3 n'inkoko 20. Coopéga ihagaraliwe na mwalimu mukuru wa établissement aliko ku buryo bwa technique igafashwa na Encadreur w'urubyiruko n'imikino afatanije na Encadreur wa za Koperative muli Komini. Kugeza ubu association Coopéga ifite umutungo utali hasi Ya 20.000 Frs. Ingorane iyo association ikun guhura nazo ni ukubura za matériels agricoles (amasuka, ibitiyo, ingorof ni n'ibindi bifasha mu by'ubuhinzi. Ikindi ni ukubura amafaranga yo kugura imyaka ngandura-rugo y'indobanure no guhingira ibyatsi ayo matungo kugirango arusheho gutanga umusaruro wigiye imbere.

II. Besoins: Uyu mwaka Umukuru w'igihugu cyacu yawise "Umwaka w'uburezi mu Rwanda" Bikubitiraho ko ali n'umwaka w'uburezi kw'isi yose. Icyo gitekerezo cy tumye twiyemeza gushyira ingufu zacu hamwe kugirango dushyigikire iyo ntego y'umukuru w'igihugu cyacu, agira ati: "U Rwanda ruzazamurwa n'ing z'abana barwo". Abana ni bande? Ni twebwe twese abaturarwanda. Ni twebwe abana tukili bato kugirango tujye hejuru twaracengewemo n'amajyambere atajegajega.

Ababyeyi b'abo bana abenshi ni abakene; kubona imyenda y'abo bana bira gora ndetse no kuzabatunga igihe barangije amashuli yabo nta kandi ka bafite kabaha amafaranga buli kwezi birakomeye. Icyo gitekerezo cyatum twiyemeza gushinga umuryango uhamye ndetse byanashoboka ukazanadufash no mu gihe tuzaba twaravuye mu mashuli.

Abana bakenera ibintu byabafasha kumererwa neza mu by'ubuzima. Kandi r nta mfashanyo (subside) babona kugirango ibibafashema. Iyo association igerageza kubabonera bimwe muli byo nka Tenis n'ibindi abana bakenera.

III. Objectif: Iyo association izafasha abo bana kumenya uburyo bushya bwo guhinga n kworora kijyambere, ku buryo ni barangiza kwiga abazaba bogeranye baz gerageza gukora imiryango nk'uwo. Iyo association izatuma bashobora kwigulira utuntu tumwe na tumwe bakeneye kandi bashobore no kureba bimwe mu byiza bili muli Komini yacu n'iziyikikije, alibyo bibafasha mu masomo ya observation bajya babona mu ishuli? na étude du milieu (ibidukikije). Ubu mu kwezi kwa 7 abo bana bagize iyo association bagi muli Parc national ya Kagera kugirango babone bimwe mu nyamaswa bajya babona muli ayo masomo.

Iyo association izatuma abo bana bafasha abandi bana b'ibimuga (les enfants handicapés) kandi babere abandi bana urugero batagize amahirwe y kujya mu ishuli.

IV. La contribution locale: Komini yahaye Coopéga isambu ya Ha I.
Coopéga ifite amategeko y'umwihaliko.
Coopéga ifite Responsable : Gatsinzi Augustin.
Coopéga ifite inama y'ababyeyi (5 batowe mu babyeyi ba

V. Echéancier: Guhinga imyaka ngandura-rugo no kworora amatungo bafite. 1979
Kugura ahandi dushobora gukorera no kugura andi matungo: 1980
Guha abo bana amatungo yo kwororera imuhira. : 1981

VI: Uko amafaranga abikwa: Amafaranga abikwa muli Banki y'abaturage i Gakenke.
Abikwa na Mwalimu Mukuru kandi akabikuzwa nawe. Attention au détournement!

VII: Conclusion: Association Coopéga ihura n'ingorane nyinshi: zimwe twazivuze harug iramutse ibonye imfashanyo twavuze haruturu byatuma turushaho kume akamaro ko gufatanya, bakwongera umurego, bakazamura ubukungu bwabo kandi bakabera abandi urugero rwiza, abatagize amahirwe yo kujya mu ishuli. Byazatuma kandi bamererwa neza mu gihe kili Imbere.

!!!§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§!!!!

§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§